

IMYANZURO Y'INAMA YA BIRO POLITIKI YATERANYE
KU WA 20 UKUBOZA KURI STADE NTOYA YA
STADE AMAHORO

Ku wa Gatandatu, tariki 20 Ukuboza 2014 kuri Stade Ntoya ya Stade Amahoro habereye Inama ya Biro Politiki y'Umuryango FPR-INKOTANYI iyobowe na Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI.

Kuri gahunda y'inama hari ingingo zikurikira:

1. Ijambo rya Nyakubahwa Chairman w'Umuryango FPR-INKOTANYI ritangiza inama
2. Iterambere ry'icyaro /Integrated rural development Programme
3. Guhindura Imyumvire n'Imikorere by'Abayobozi ba RPF, bigamiye iterambere rirambye/ Mindset change of RPF Cadres for Sustainable development

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku ngingo zari kuri gahunda y'inama, abari mu nama ya Biro Politiki bafashe imyanzuro ikurikira:

1. Bishimiye umutekano umeze neza na gahunda z'iterambere muri rusange;

2. Biyemeje :

- Gukora cyane kandi neza barinda ibyagezweho no gukomeza kubiteza imbere;
- Kwanga ikibi, kukigaragaza no kucyamagana aho cyagaragara hose ; guca ingeso mbi zo kubeshya;
- Kurwanya ruswa, ihohoterwa n'icuruzwa ry'abana, impanuka zo mu mihanda, gukemura ikibazo cy'isuku n'izindi ngeso mbi zidindiza iterambere;
- Guhora bisuzuma mu nshingano bafite bashingiye ku mahame na disipline by'Umuryango; kugira umutima ukunda abo uyobora n'imyumvire bya kirwanashyaka no kwiyoroshya;

3. Abayobozi biyemeje kubana n'abaturage, kubatega amatwi no gufatanya nabo gukemura ibibazo bahura nabyo: imirire mibi, isuku nke, ikoreshwa ry'ifumbire n'imbuta z'indobanure n'ibindi;

4. Abayobozi bagomba gukurikirana ubudahwema gahunda zose zigenda zishyirwaho kugira ngo zitange umusaruro wifuzwa zashyiriweho kandi ibyo bigakorwa urugo ku rundi;

5. Abayobozi bagomba guha uburemere n'umwanya uhagije inshingano bahabwa kandi uziteshutseho akabibazwa;

6. Kwesa imihigo bigomba gushingira ku bikorwa by'iterambere biba byateganyijwe no kugaragaza imibereho myiza y'abaturage muri rusange, amanota atangwa akajyana nabyo.
7. Abari mu nama biyemeje guhindura uburyo busanzwe bw'imitekerereze, imyumvire n'imikorere yabo bituma umuvuduko Igihugu kihaye mu miyoborere myiza, mu bukungu no mu mibereho myiza urushaho kwiyongera.
8. Abanyamuryango biyemeje ko ibibazo byose byagaragajwe n'ibindi byaba bihari bagiye kubikemura mu gihe cya vuba no kwihutisha ibikorwa.

Bikorewe i Kigali, ku wa 20 Ukuboza 2014